



## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

### ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU KIBAZO CY'UMUTEKANO MUKE WO MU BURASIRAZUBA BWA REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO

Nyuma y'ibibazo by'umutekano muke muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo n'ibikorwa by'ubushotoranyi bikomeje kwibasira u Rwanda, bikorwa n'Ubuyobozi bw'icyo gihugu.

Nyuma y'uko hagaragaye ubufatanye butaziguye hagati y'ingabo za Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo n'umutwe w'iterabwoba wa FDRL, uhabwa inkunga y'intwari, imyitozo ya gisirikare n'amafaranga mu guhungabanya umutekano w'u Rwanda no kugambirira gukuraho ubuyobozi bw'u Rwanda;

Nyuma y'ibitero byinshi no guhungabanya ubusugire bw'u Rwanda byakozwe n'ingabo za FARDC, umutwe wa FDLR n'indi mitwe, harimo n'ibitero biherutse kwica abantu 16, abandi 177 bagakomereka i Rubavu, mu Ntara y'Uburengerazuba.

Nyuma y'imvugo zikoreshwa na Leta ya Kongo cyane cyane Perezida Felix Tshisekedi hamwe n'abandi bayobozi mu nzego nkuru za Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, zigamije kwanduza isura y'u Rwanda no gushishikariza ibihugu n'imiryango mpuzamahanga gufatira u Rwanda ibihano byo mu rwego rw'ubukungu no kuri bamwe mu bayobozi barwo.

Nyuma y'uko Leta ya Kongo inaniwe gukemura ikibazo cy'abaturage bayo bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda ishinja kuba atari abenegihugu bayo, ahubwo igakomeza kwitwaza u Rwanda mu bibazo byayo bwite aho kwita ku bibazo nyakuri by'abo baturage.

**Imitwe ya Politiki igize ihuriro ariyo FPR Inkotanyi, PL, UDPR, PDI, PSD, PPC, PDC, PSR, PSP, PS Imberakuri, na DGPR- Green Party yafashe imyanzuro ikurikira:**

- 1 Ishyigikiye Nyakubahwa Kagame Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'ikirenga w'ingabo z'u Rwanda ku cyerekezo afitiye u Rwanda harimo no guharanira amahoro arambye mu karere.



- 2 yamaganye ku mugaragaro umugambi mubisha wa Perezida Felix Tshisekedi afatanyije n'umutwe w'iterabwoba wa FDRL, Ingabo z'u Burundi, ingabo za SADC, abacanshuro b'abazungu n'umutwe wa Wazalendo; mu guhungabanya umutekano w'u Rwanda no gukuraho ubuyobozi bwarwo bwashyizweho n'abaturage.
- 3 irasaba Perezida Felix Tshisekedi guhagarika ubufatanye bwose n'umutwe w'iterabwoba wa FDRL ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994; ndetse ukaba umutwe wubakiye ku ngengabitekerezo ya jenoside.
- 4 irahamagarira Leta ya Kongo gushaka umuti urambye wo gukemuramuzi w'ibibazo nyakuri by'umutekano muke binyuze mu nzira y'ibiganiro aho gushyira imbere inzira ya gisirikare.
- 5 Imitwe ya Politiki igize Ihuriro ishyigikiye ingamba z'ubwirinzi zashyizweho na Leta y'u Rwanda zo kurinda ubusugire bw'Igihugu no kubungabunga umutekano w'Abanyarwanda, kandi iboneyeho gushimira Ingabo z'Igihugu uburyo zibumbatiye umutekano w'u Rwanda.
- 6 ishyigikiye ibyemezo byafatiwe mu nama ihuriweho n'Umuryango wa Afurika y'Uburasirazuba n'Umuryango w'Iterambere w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (EAC-SADC) yabereye i Dar Es Salaam kuwa 8 Gashyantare 2025, nk'inzira iganisha ku mahoro arambye mu karere.
- 7 Imitwe ya Politiki igize Ihuriro yamaganye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga bikomeje kugaragaza imyitwarire ya ba mpatsibihugu mu gushishikariza amahanga gufatira ibihano u Rwanda n'Abayobozi barwo, kuko atari cyo gisubizo ku mutekano muke uranga akarere k'Uburasirazuba bwa Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, bidakemura ikibazo mu mizi yacyo, kandi bikaba bidindiza inzira y'ibiganiro byemejwe n'abakuru b'ibihugu by'Afurika.
- 8 Imitwe ya Politiki igize ihuriro irashishikariza Abanyarwanda bose gukomeza kunga ubumwe no guharanira kwigira kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

Bikorewe i Kigali, kuwa 25 Gashyantare 2025

